IKIGO CY'IGIHUGU CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE (REMA)

Repubulika y'u Rwanda

INKONGI Y'UMURIRO YARAYE YIBASIYE IGISHANGA CYA RUGEZI

Inkongi y'umuriro yibasira Rugezi kuwa 6 Nzeli 2021 ahagana



Mu gitondo cyo kuwa 7 Nzeli, umuriro wamaze guhagarikwa

Kuva ejo tariki ya 6 Nzeli 2021 ahagana saa kumi z'amanywa (4: 00 PM) kugeza mu ijoro ryo kuwa 7 Nzeli 2021 saa munani z'ijoro (2:00 AM), inkongi y'umuriro yibasiye igishanga cya Rugezi mu gice gihereye mu Mudugudu wa Gakenke, Akagari ka Ruconsho, Umurenge wa Rwerere, Akarere ka Burera. Kugeza ubu impamvu yateye iyo nkongi y'umuriro iracyakorwaho iperereza ku bufatanye na RIB. Umwe mu bakekwaho kuyiteza ari mu maboko ya Polisi ya Burera.

Ku bw'amahirwe, iyo nkongi yashoboye guhagarikwa ahagana saa munani z'ijoro nyuma y'akazi n'ubwitange bukomeye bw'abaturage barangajwe imbere n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera, Inzego z'umutekano, Ingabo n'abarinzi ba Rwanda Wildlife Conservation Association (RWCA).

Mu kigereranyo hangiritse hegitari zirenga 50 z'igishanga zirimo ibimera na zimwe mu nyamaswa hatirengagijwe n'ihumana ry'ikirere ryaturutse ku myotsi ihumanya ya caruboni (CO_2). Kuva muri iki gitondo hatangiye gukorwa isesengura ryimbitse ku ngano nyayo y'ibyangiritse.

Mu myaka itanu ishize, igishanga cya Rugezi kimaze kwibasirwa n'inkongi y'umuriro inshuro eshatu (2016, 2018 na 2021) zikibanda cyane mu Mirenge ya Rwerere na Rusarabuye, akenshi mu minsi isoza igihe cy'izuba gisatira igihe cy'imvura.

Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) kiboneyeho gushimira byimazeyo inzego n'abantu bose bagize uruhare n'ubwitange mu bihe bitoroshye by'ijoro mu kuzimya iyi nkongi. REMA yijeje ko , ifatanyije n'inzego z'umutekano, Akarere n'abandi bafatanyabikorwa hazakorwa isuzuma ryimbitse mu kureba igikomeje guteza inkongi z'umuriro mu gishanga cya Rugezi, ingarurka byagize ndetse n'uburyo bwo gukemura icyo kibazo hagamijwe kurinda no kubungabunga iyo ndiri y'urusobe rw'ibinyabuzima mu buryo burambye.

Inyota House, KG 7 AVE | P.O. Box 7436 Kigali - Rwanda | Tel (+250) 738503663, Hotline: 3989
Website: www.rema.gov.rw, Email: info@rema.gov.rw | Twitter: @ REMA_ Rwanda

Rugezi ni igishanga kigizwe na nyiramugengeri kikaba giherereye mu Majyaruguru y'Igihugu mu Turere twa Burera na Gicumbi ku buso bungana na Hegitari 6736 n'ubutumburuke bwa Metero 2050. Mu mwihariko kamere yacyo, icyo gishanga kigizwe n'ibimera karemano bireremba hejuru y'amazi hejuru ya nyiramugengeri nyinshi igeza ku bujyakuzimu bwa Metero 7-12. Umuryango Mpuzamahanga wita ku nyoni (Bird Life international) yashyize icyo gishanga mu byanya birindwi bikomeye by'indiri z'inyoni (Important Bird Areas (IBA) kuko gicumbikiye amoko menshi y'inyoni harimo n'iziri ku rutonde rw'izenda gukendera zirinzwe by'umwihariko, twavuga nk'Incenceberi (*Bradypterus graueri) n'Imisambi (*Crowned Crane).

Igishanga cya Rugezi ni ikigega gikomeye n'isoko y'amazi kubera uruhare rwacyo mu kubika no kuyungurura amazi yisuka ku kiyaga cya Burera na Ruhondo, aribyo bigaburira amasumo n'inganda z'amashanyarazi za Ntaruka na Mukungwa.
Rugezi iri ku rutonde rw' ibishanga bifite akamaro mpuzamahanga (Ramsar Site) bibungabunzwe hashingiwe ku masezerano ya Ramsar u Rwanda rwemeje kuva muri 2006. Mu rwego rw'amategeko, Rugezi ni igishanga gikomye hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe N°006/03 ryo ku wa 30/01/2017 rishyiraho urutonde rw'ibishanga, imiterere n'imbibi zabyo rikanagena uburyo ubwo butaka bukoreshwa, butunganywa kandi bucungwa.

KABERA Juliet
Umuyobozi Mukuru